

## Amahame y'ivugurura ry'Iterambere Mpuzamahanga

### Uko yumvikana n'aho akoreshwa:

Icyorezo cya COVID-19 cyatumye biba ngombwa ko Leta y'igihugu cya Sikotilandi (Scotland) ivugurura uburyo bwayo bujyanye n'Iterambere Mpuzamahanga. Hamwe n'ibyo, gushaka impinduka kwazanywe n'impinduramatwara yiswe Black Lives Matter (Ubuzima bw'Abirabura Bufite Agaciro) bwazamuye ibibazo bikomeye leta zose zagombaga gushakira igisubizo. Iki gikorwa cy'ivugurura cya Leta ya Sikotilandi mu bijyanye n'Iterambere Mpuzamahanga kigamije gutuma gahunda yacu iramba bijyanye n'imikoranire y'abatuye isi idahwema gutera imbere.

### Icyerekezo (Uburyo bwaranze umwaka wa 2016)

Icyerekezo cya leta ya Sikotilandi ni uko binyuze mu gukomeza kugendera ku ntego rusange z'Umuryango w'Abibumbye, Sikotilandi izagira uruhare mu iterambere rirambye no mu kurwanya ubukene, akarengane n'ubusumbane ku rwego mpuzamahanga.

**Indangagaciro shingiro:** Ubufatanye mpuzamahanga mu isi y'abakenerana bivuze gushyira gahunda y'uburenganzira bwa muntu mu byo dukora byose. Tuvuga tugaragaza intego n'impuhwe, mu gushyigikira demokarasi, uburenganzira bwa muntu no gukurikiza amategeko.

### Gahunda zacu zishyigikira:

**1. Iterambere riyobowe n'igihugu dufitanye ubufatanye:** tuzi neza ko ibihugu bishyira imbere ibyo bikomeye ndetse bikayobora iterambere ryabyo bwite, bityo dutera inkunga ibikorwa bifite aho bihuriye na gahunda zo ku rwego rw'igihugu n'abandi bafatanyabikorwa b'iterambere ry'imbere mu gihugu. Mu gufasha ibihugu dufitanye ubufatanye dukora ku buryo tuba dufite ubumenyi n'ubuhanga bwo kugirana ubufatanye ndetse tukongera agaciro, kandi tukabafasha kurenga guterwa inkunga bakagera ku iterambere rirambye, harimo no kujyana n'ibiyhutirwa birebana n'ikirere cy'isi.

**2. Uburinganire:** tuzi neza akarengane kariho kamaze igihe kandi kagera kuri benshi kandi dukora ku buryo kugabanya akarengane biba izingiro ry'ibikorwa byacu. Turwanya ironwabwoko iryo ari ryo ryose kandi tugaharanira kuba abarwanya ironwabwoko mu bikorwa byacu. Dushyira ku isonga uburenganzira bw'abagore n'abakobwa, iterambere n'uburinganire byabo.

**3. Kuzamura amajwi y'ibihugu biri mu nzira y'amajyambere:** dushishikariza abantu ibikorwa byo gukorera ubuvugizi no gufasha ibihugu bikennye harimo abakennye cyane n'abatishoboye.

**4. Abo bireba n'urunyurane:** twibaza ku bumenyi duha agaciro, abo dutega amatwi n'abari mu nzego zifite ububasha. Dushyigikira uburyo bushya kandi burimo ihangadushya bwo gukuraho inzitizi, kugira ngo dukoreshe urwunge rwagutse rw'amajwi mashya n'ibitekerezo bishya kugira ngo habeho impinduka.

**5. Imikoranire n'ubufatanye:** twubaka ubufatanye twifashishije indangagaciro n'intego duhuriyeho, bwungukira mu bumenyi bw'ibihugu byose dufatanije kugira

ngo duteze imbere kwigira hamwe no gufatanya gushaka ibisubizo kugira ngo dushyire ingufu mu bushake dufite muri gahunda yacu y'Iterambere Mpuzamahanga hagamijwe kugera kuri gahunda yo "Kurenga Guterwa Inkunga".

**6. Guhanga udushya, kujyana n'ibihe no gukora ibirambye:** dutegura gahunda: zoroshye kuvugurura, zujuje byose kandi zifite ubushobozi bwo gutanga ibisubizo mu bihe by'impinduka; zita ku bidukikije, zirambye mu bijyanye n'imibereho rusange y'abantu n'ubukungu, hamwe n'ubwunganizi bwita ku ntego z'igihe kirekire no ku ngaruka. Kubera ko tuzi ko duhanganye n'ibyhutirwa mu gukemura ibibazo by'ikirere cy'isi, tuzashyigikira ibikorwa bikomeza guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no mu gihe hatakibaho guhumanya ikirere, kugira ngo tube, nk'uko bikwiye, ibihugu bitagira imyuka ihumanya ikirere byohereza, mu buryo bukwiye, buri mu kuri kandi butagira abo busiga inyuma.

**7. Kuyoboka ikoranabuhanga:** dushyigikira ihangadushya kugira ngo duteze imbere ubuzima bw'abantu, imibereho no kuramba kw'ibidukikije, nko kongera uburyo bwo kubona serivisi z'ikoranabuhanga no kurikoresha mu kugabanya gukenera gukora ingendo, ariko tuzirikana ko ikoranabuhanga rishobora kuba inzitizi ku ruhare rw'ibihugu bikennye.

**8. Kugira ibintu ibyacu, Kumvikana n'Umutekano:** Leta ya Sikotilandi n'abafatanyabikorwa bacu barumvikana kandi bagira ibintu ibyabo ku baturage b'ibihugu n'abandi muri rusange bo mu bihugu dufitanye ubufatanye no muri Sikotilandi; dukora ku buryo ibikorwa byacu byose bigira uburyo bukwiye bwo kubirinda.